**REPUBULIKA Y'U RWANDA** **Gatsibo, Kuwa 11/06/2012**

**Ref Nº NJY/…17a./07.05.03/09**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**INAMA NJYANAMA Y'AKARERE**
**AKARERE KA GATSIBO**

**Madamu Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba**
**RWAMAGANA;**

**Impamvu: Imyanzuro y'Inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye kuwa 01 Kamena 2012**

**Madamu Guverineri,**

Nejejwe no kubandikira ngirango mbagezeho, k'umugereka w'uru rwandiko, imyanzuro y'Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akerere ka Gatsibo, yateraniye ku cyicaro cy'Akarere kuwa 01 Kamena 2012.

Mugire Amahoro.

**Innocent Munyaneza**
**Perezida w'Inama Njyanama**

**Bimenyeshejwe:**

- **Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;**
  **Kigali;**
- **Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo,**
  **Gatsibo.**

**IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO YO KUWA GATANU TARIKI YA 01 / 06 / 2012**

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateraniye ku kicaro cy'Akarere tariki ya 01/06/2012 yitabiriwe n'Abajyanama 23 kuri 24 bayigize.

Inama yatangiye saa tatu n'igice (9h30') iyobowe na Perezida wayo Bwana Innocent MUNYANEZA.

Inama yatangiye Perezida wayo amenyesha abajyanama impamvu zihutirwa zatumye hatumizwa inama idasanzwe, muri zo hakaba harimo izi zikurikira:

- Gusuzuma imbanziriza mushinga y'ingengo y'imari ya 2012-2013 kugirango ushyikirizwe Komisiyo y'Iterambere ry'ubukungu iwusuzume, maze uzemezwe n'Inama Njyanama mu gihe kigenwa n'amategeko;
- Kwemeza igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kabarore;
- Gusuzuma no kwemeza ibiciro by'ubukode bw'ubutaka mu Karere ka Gatsibo;
- Kwemeza ishyirwaho rya One Stop Center mu Karere;

Inama Njayanama imaze kugezwaho impamvu zihutirwa zatumye itumizwa mu nama idasanzwe, yasanze zifite ishingiro maze yemeza umurongo w'ibyigwa ukurikira:

1. Kwemeza igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kabarore;
2. Gusuzuma no kwemeza ibiciro by'ubukode bw'ubutaka;
3. Kwemeza ishyirwaho rya One Stop Center n'imikorere yayo;
4. Ibibazo byagejejwe ku Nama Njyanama
    - Ikibazo cya "transport allowances" z'Umunyamabanga w'Inama Njyanama;
    - Ikibazo cy'UWIHANGANYE Emmanuel;
    - Ubujurire bw'Abakozi basabiwe gusezererwa;
    - Abakozi bahagaritswe by'agateganyo : MUTONI Sylvestre na RUTAGENGWA Jackson;
    - Kugezwaho raporo ya expropriation y'ahazanyuzwa imihanda mu mujyi wa Kabarore;

5. Ishyirwa mu bikorwa ry'umwanzuro 5.4 w'Inama Njyanama yateranye tariki ya 20 na 21 Mutarama 2012;

6. Kugezwaho imbanziriza mushinga y'ingengo y'imari y' Akarere ya 2012-2013;

Inama Njyanama yasuzumye ingingo ku yindi, maze ifata ibyemezo bikurikira:

## 1. KWEMEZA IGISHUSHANYO MBONERA CY'UMUJYI WA KABARORE

Inama Njyanama imaze kumva ibisobanuro byatanzwe n'Umuyobozi w'Akarere ku mpamvu zatumye igishushanyo mbonera cy' Umujyi wa Kabarore kitaboneka ngo cyemezwe n'Inama Njyanama nk'uko byari biteganyijwe, yasabye Umuyobozi bw'Akarere kwandikira Rwanda Housing Authority ayisaba kwihutisha igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kabarore;

Inama Njyanama yemeje ko igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kabarore nikiboneka, hazatumizwa inama idasanzwe kugirango icyemeze;

## 2. GUSUZUMA NO KWEMEZA IBICIRO BY'UBUKODE BW'UBUTAKA

Inama Njyanama imaze kugezwaho umushinga ku biciro by'ubukode bw'ubutaka yemeje ko mu mijyi ya Kabarore, Kiramuruzi, Ngarama na Santeri ya Rwagitima; ibiciro by'ubukode bw'ubutaka ari amafaranga makumyabiri (20 Frw) kuri metero carré ($m^2$ ) ahagenewe ubucuruzi na cumi n'atanu (15 Frw) kuri metero carré ($m^2$ ) ahagenewe guturwa, naho amasanteri yafashwe nk'imijyi yose hakishyurwa cumi n'atanu (15 Frw) metero carré ($m^2$ ) ahagenewe ubucuruzi n'amafaranga icumi (10 Frw) kuri metero carré ($m^2$ ) ahagenewe guturwa;

## 3. ISHYIRWAHO RYA ONE STOP CENTER

**3.1** Inama Njyanama imaze gusobanurirwa inyandiko ngenderwaho mu gushyiraho One Stop Center, ihuza ibiro bishinzwe imicungire y'ubutaka, imitunganyirize y'imijyi, imiturire n'ibikorwaremezo mu Karere, yemeje ishyirwaho rya One Stop Center mu Karere igizwe na services zikurikira:

i. Servisi z'imicungire y'ubutaka;
ii. Servisi z'imitangire y'ibyangombwa byo kubaka;
iii. Servisi z'ibikorwaremezo n'igenzura ry'imyubakire;
iv. Servisi ishinzwe amashyamba n'ibidukikije.

Izi servisi uko ari enye zikaba zihuzwa n'umuyobozi umwe wunganirwa na servisi zunganira (corporate services);

**3.2** Inama Njyanama yemeje inshingano za One Stop Center;

**3.3** Inama Njyanama yasabye Umuyobozi w'Akarere guhuriza muri One Stop Center abakozi basanzwe muri Servisi zahurijwe hamwe;

**3.4** Inama Njyanama yasabye Umuyobozi w'Akarere kugena urutonde rw'abandi bakozi bakenewe kugirango One Stop Center ibashe kuzuza inshingano zayo hitawe ku ngengo y'imari y'Akarere kandi hazirikanwa ko Servisi zifasha abaturage kudakora ingendo ndende zigomba gutangirwa ku rwego rw'Umurenge;

**3.5** Inama Njyanama yasabye Umuyobozi w'Akarere kugena profile y'Umuyobozi wa One Stop Center, isaba ko yazaba abifitiye ubushobozi bukenewe kugirango One Stop Center ibashe kuzuza inshingano zayo; iyo profile igomba kugezwa ku Nama Njyanama vuba kugirango yemezwe;

**3.6** Inama Njyanama yemeje ko Ubuyobozi bw'Akarere bugena ibiro bihagije One Stop Center izakoreramo, muri ibyo biro hakagenwa kandi umwanya servisi zindi zikenerwa n'abaturage zakorera;

## 4. IBIBAZO BYAGEJEJWE KU NAMA NJYANAMA

**4.1** Inama Njyanama yasuzumye ikibazo yagejejweho n'Umunyamabanga muri Biro y'Inama Njyanama, wasabye amafaranga y'urugendo y'iminsi yakoze akazi ubusanzwe kagenewe Umukozi uhoraho w'Inama Njyanama, ariko kuberako uyu mukozi yasezeye ku kazi, byabaye ngombwa ko Umunyamabanga muri Biro akora kugirango ategure inama z'Amakomisiyo, inama za Biro, inama z'Abaperezida, n'inama Njyanama;

Inama Njyanama yemeje ko Umunyamabanga muri Biro agenerwa amafaranga ibihumbi cumi na bitanu(15,000 Frw) ku munsi yakoze, ahwanye n'amafaranga asanzwe agenerwa ku munsi iyo yitabiriye inama za Biro, yose hamwe akaba angana n'amafaranga ibihumbi magana abiri na mirongo ine (240.000 Frw) ahwanye n'iminsi cumi n'itandatu (16 Jours) yakoze ;

Inama Njyanama yemeje ko mbere y'uko ayo mafaranga atangwa, hagomba kugaragazwa impapuro zerekana ko akazi kakozwe koko;

**4.2** Inama Njyanama yagejejweho raporo ya commission adhoc yari yashyizweho n'inama y'inama Njyanama yateranye kuwa 20 na 21( umwanzuro 1.10) kugirango ikurikirane ikibazo cya Bwana Uwihanganye Emmanuel wasabye Inama Njyanama ko yamwishyuriza amafaranga Akarere katamwishyuye;

Inama Njyanama yanyuzwe n'ibisobanuro yahawe, yemeza ko Akarere kishyura Bwana Uwihanganye Emmanuel amafaranga ibihumbi magana ane na mirongo ine na bitanu (445.000 Frw), ahwanye n'imirimo y'isuku yakoze ku rwibutso rwa jenoside yakorewe abatutsi rwa Kiziguro nk'uko bigaragazwa na raporo Komisiyo yagejeje ku Nama Njyanama;

**4.3** Inama Njyanama yagejejweho ubujurire bamwe mu bakozi b'Akarere bagejeje ku buyobozi bw'Akarere bajuririra ibyemezo bafatiwe byo gusezererwa kuberako batujuje ibisabwa ku myanya barimo, maze yongera gusaba ubuyobozi bw'Akarere kubamenyesha ko impamvu basabiwe gusezererwa atari uko bakoze amakosa mu kazi, kuko aribyo bigendana no gusaba ibisobanuro cyangwa kwihanangirizwa, bagasobanurirwa ibyagendeweho, n'uburenganzira bwabo;

Inama Njyanama yongeye gusuzuma dossier ya Bwana Rutagengwa Théophile, Kontabure w'Umurenge wa Rugarama, wari washyizwe k'urutonde rw'abasezererwa, isanga n'ubwo yari yatinze gutanga kopi ya Diplôme ye, yujuje ibisabwa kugirango akore ako kazi arimo kuko afite A0 muri BCOM option Finance;

Inama Njyanama yemeje ko Bwana Rutagengwa Théophile akurwa ku rutonde rw' abazasezererwa, akaguma mu mwanya we;

Inama Njyanama yasabye Ubuyobozi bw'Akakarere kwandikira Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta bayimenyesha icyo cyemezo, bavana n'umwanya we ku rutonde rw'imyanya igomba gupiganirwa;

**4.4 a)** Inama Njyanama, imaze kugezwaho inama yatanzwe na Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta ku kibazo cya Bwana Umutoni Sylvestre wanze kuzana kopi ya Diplôme muri dossier ye, yasezereye nta mpaka Bwana Umutoni Sylvestre kuko atujuje ibisabwa kugirango umuntu ahabwe akazi mu mwanya yari arimo nk'uko biteganywa mu ngingo ya 28 y'Itegeko N° 22/2002 ryo kuwa 09/07/2002 rishyiraho stati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta;

**b**) Inama Njyanama yasuzumye ikibazo cya Bwana Rutagengwa Jackson wataye akazi kuva ku itariki ya 01/11/2011, maze yemeza ko Bwana Rutagengwa Jackson yirukanwa burundu mu bakozi ba Leta, ariko isaba Ubuyobozi bw'Akarere kubanza kugeza umushinga wo kumwirukana burundu kuri Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta mbere y'uko bamwandikira urwandiko rubimumenyesha;

**4.5** Inama Njyanama yagejejweho umushinga wa expropriation y'ahazanyuzwa imihanda mu mujyi wa Kabarore, iha inshingano Inama y'Abaperezida kuwusesengura mu gihe cya vuba mbere y'uko wongera gusuzumwa n'Inama Njyanama.

## 5. ISHYIRWA MU BIKORWA RY'UMWANZURO5.4 W'INAMA NJYANAMA YATERANYE TARIKI YA 20 NA 21 MUTARAMA 2012

Inama Njyanama imaze kugezwaho impamvu umwanzuro 5.4 w'Inama Njyanama yateranye tariki ya 20 na 21 Mutarama 2012 utashyizwe mu bikorwa, n'ibyakozwe byose kugirango ushyirwe mu bikorwa, yemeje ku bwumvikane busesuye icyemezo cyafashwe n'Inama y'Abaperzida cyo kwongeza abakozi b'Akarere 15 % by'umushahara bagenerwa n'Iteka rya Perezida wa Repubulika uhereye tariki ya 01 Gicurasi 2012;

## 6. KUGEZWAHO IMBANZIRIZA MUSHINGA Y'INGENGO Y'IMARI Y' AKARERE YA 2012-2013

**6.1** Inama Njyanama yagejejweho imbanziriza mushinga y'ingengo y'imari y'umwaka 2012-2013, imaze kuyunguranaho ibitekerezo, iyishyikiriza Komisiyo y'iterambere ry'ubukungu ngo izayinoze neza ishingiye ku byifuzo byatanzwe hakanakurikijwe format ya Minicofin;

**6.2** Inama Njyanama yasabye Komisiyo y' Iterambere ry' Ubukungu kuzajya itangaza umunsi w'inama kugirango Abajyanama batayirimo ariko bafite umwanya bazitabire imirimo yo kunoza imbanziriza mushinga y'ingengo y'imari.

| | |
|---|---|
| **Umwanditsi w'inama** | **Umuyobozi w'inama** |
| ................................ | ................................ |
| **YANKURIJE Marie Goretti** | **Innocent MUNYANEZA** |
| **Umunyamabanga w'Inama Njyanama** | **Perezida w'Inama Njyanama** |

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**TEL/FAX: 0252567931**
**B.P. 30 RWAMAGANA**
**easternprovince@gmail.com**

**Rwamagana, kuwa** 2 0 JUN 2012
**N°...5.1.3.../07.05.01**

GATSIBO DISTRICT COUNCIL
0 6 JUL 2012
SIGNATURE..............

Bwana Perezida w'Inama
Njyanama y'Akarere ka
**GATSIBO**

**Impamvu: Ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 01/06/2012**

Bwana Perezida,

Mbandikiye mbamenyesha ko ibyemezo by'Inama Njyanama yo kuwa 01/06/2012 byangezeho kuwa 12/6/2012.

Nkaba mbamenyesha ko mwashyira mu bikorwa indi myanzuro usibye imyanzuro ikurikira:

1. Umwanzuro wa kabiri aho mwemeje igiciro cy'ubukode bw'ubutaka mu Mijyi no muri santeri z'ubucuruzi, byaba byiza mugaragaje n'igiciro cy'ubukode bw'ubundi butaka nk'ubwororerwaho hamwe n'ahandi hose hakorerwa ibikorwa bitandukanye.
2. Umwanzuro wa kane aho mwemeje ko Inama yasezereye ku kazi nta mpaka Umutoni Sylvestre wanze kuzuza dosiye y'akazi naho Rutagengwa Jackson akirukanwa burundu mu bakozi ba leta; mwabanza mukagisha inama Komisiyo y'abakozi ba Leta no gusuzuma neza ko amategeko agenga imicungire y'abakozi ba Leta yubahirijwe.

Mugire amahoro y'Imana.

**UWAMARIYA Odette**
Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**BIMENYESHEJWE:**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI.**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo
  **GATSIBO**